Guangzhou Iceberg ifite inararibonye mu by' ibidukikije Co LTD( hano Yiswe Iceberg) Ikaba kompanyi y' abashinwa yiyemeje kugeza amazi n ibicanishwa mu bihugu bikiri mu nzira z amajyambere biciye mu kugabanya Karibone. Bakazafatanya n' umushinga utegamiye kuri Leta ukorera mu Rwanda uzwi kw' izina rya ARDE gushyira mu bikorwa uwo mushinga wo gutunganya no gufata neza amavomero(ibyobo by amazi) mu murenge wa Runda, Akarere ka Kamonyi,intara y' amajyepfo y' u Rwanda.

Uyu mushinga uzageza amazi meza kandi asukuye ku baturage kandi ubwiza bwayo bwujuje ubuziranenge igihugu cy' u Rwanda gisaba. Nibwo umushinga muntangiriro ugizwe n' amavomero abiri gusa, ni umushinga w' icyitegererezo kandi w' igihe kirekire wo gufata neza amavomero no kuyatunganya bizashyirwa mu bikorwa nyuma y' imikorere myiza y' umushinga fatizo. Uyu mushinga uzandikwa nk' umushinga wo kugabanya ibyuka bihumanya ikirere mu rwego mpuzamahanga rwiswe( Gold standard for Global Goals)

Iceberg izaba ifite uburenganzira bwuzuye n imicungire isesuye bwa Karubone yatanzwe n umushinga w ubushakashatsi. Umusaruro n ' amafaranga bizava mu igurishwa ry' ibyo byegeranyo ku isoko mpuzamahanga nibyo bizemeza uburambe n' ubukombe bw' uyu mushinga.

Ni umushinga ukiri muto cyane kuko ikigereranyo fatizo cy umusaruro ku mwaka mu kugabanya ibyuka byanduza bikanahumanya ikirere byagenze kuri Toni 8250 za $CO_2$ munsi ya Toni ibihumbi icumi 10000 bisabwa umushinga muto.

Igihe umushinga uzamara ni imyaka 15 n' amezi 0. India Mark 2 niyo pompe yifashishwa muri uyu mushinga yemewe n' ikigo cy' ubuziranenge bw' igihugu cy' u Buhinde ifite Numero IS 9301 . Iyi pompe igizwe n umutwe wayo hamwe n' icyuma kinjira mu mwobo bimanuka bibaho by' umuringa hamwe na Valve y amaguru n ibindi byuma by' umuringa.